REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W'INTEBE

NYAKUBAHWA DR. EDOUARD NGIRENTE,

MU NAMA Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO YA 16

Kigali Convention Centre, ku wa 13/12/2018

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda,**
- **Bayobozi bakuru b'Inzego zitandukanye muteraniye hano,**
- **Batumirwa mwitabiriye iyi Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 16,**

1. Mu izina ry'abatumiwe muri iyi Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 16, ndagira ngo ntangire nsaba abari hano mwese, kumfasha gushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wadutumiye muri iyi nama. Tunamushimira kandi kuri byinshi tumaze kugeraho nk'Igihugu mu nzira y'Iterambere nk'uko amaze kubitugaragariza.

2. Ndabashimiye kandi Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, kuba mungeneye uyu mwanya, kugira ngo ngaragaze uko imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 15 yabaye umwaka ushize yashyizwe mu bikorwa.

3. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'iyo nama ryahujwe n'igenamigambi ry'umwaka wa mbere wa Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (National Strategy for Transformation) 2017-2024 twabagejejeho mu Nama y'Umushyikirano umwaka ushize.

4. Hari hafashwe imyanzuro 9. Umwanzuro umwe wari uwo mu rwego rw'uburezi, 3 yo mu rwego rw'ubuzima, 2 yo mu rwego rw'ubukungu n'imyanzuro 3 yo mu rwego rw'umuco.

5. Mu rwego rwo kuyishyira mu bikorwa, iyi myanzuro yagabanyijwemo ibikorwa 56. Ibikorwa 44 bingana na 80% byashyizwe mu bikorwa nk'uko byari biteganyijwe. Ibikorwa 10 bingana na 18.2% bigeze ku kigero kiri hagati ya 50% na 80%. Igikorwa kimwe kingana na 1.8% cyarebanaga no kuvugurura amashuri y'ubumenyingiro cyahuye n'imbogamizi nticyabasha kugerwaho ku gihe cyagenwe, ariko ubu imbogamizi zakuweho ku buryo imirimo yo kuvugurura ayo mashuri yakomeje kandi ikaba igenda neza.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

6. Ku mwanzuro warebanaga n'urwego rw'uburezi:

a) Hashyizweho ibyumba 286 by'amashuri bikoresha ikoranabuhanga mu kwigisha (Smart Classrooms) mu mashuri 168, ndetse binashyirwamo umurongo wa interineti wihuta (4G). Ubu tukaba dufite ibyumba 1.370 bikoresha ikoranabuhanga mu bigo by'amashuri yisumbuye 710.

b) Hubatswe ibyumba by'amashuri 922 n'ubwiherero 1.344.

c) Abarimu 62.616 bahuguwe mu bijyanye n'imfashanyigisho nshya ishingiye ku bumenyi n'ubushobozi bw'umunyeshuri.

d) Hahuguwe kandi abarimu bahugura abandi (school based mentors) 4.417 mu myigishirize y'indimi.

e) Hahuguwe abarimu 727 bigisha mu nzego zitandukanye z'imyuga n'ubumenyingiro (TVET).

f) Gahunda yo kwiga ingunga imwe yatangijwe mu mashuri yose mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza bikaba byaratumye amasaha yo kwiga yiyongera ava kuri 4 agera kuri 6 ku munsi. Hakozwe n'isuzuma ry'ibikenewe kugira ngo iyi gahunda yo kwiga ingunga imwe (single shift) izatangizwe no mu mwaka wa gatanu mu mwaka w'amashuri wa 2019.

g) Hateguwe kandi ingengabihe nshya y'umwaka w'amashuri abanza n'ayisumbuye izatuma mu gihe kiri imbere abana bazajya batangira umwaka w'amashuri muri Nzeri aho kuba muri Mutarama. Ibyo rero bikaba biri mu ntego twiyemeje yo guhuza umwaka w'amashuri abanza n'ayisumbuye n'umwaka wa kaminuza.

h) Hasubijwe mu mashuri abana 55.533 bari barataye amashuri mu 2017. Imibare y'abana bata ishuri yagiye igabanuka ku buryo yavuye kuri 14% mu 2013 ikagera kuri 5,6% mu 2016.

i) Mu rwego rwo guteza imbere ubumenyi n'ikoranabuhanga (STEM), hemejwe porogaramu nshya 20, kuri 30 zari ziteganyijwe mu mashuri makuru na za kaminuza.

7. Mu rwego rw'ubuzima:

a) Abaganga 409 bafashijwe gukomeza amasomo yabo mu rwego rwo kongera umubare w'abaganga b'inzobere.

b) Abantu 260.856 bo mu Turere 19 barasuzumwe banahabwa imiti ku bari bafite uburwayi bwa *Hepatite* B na C.

c) Ku bufatanye n'Inzego zitandukanye hateguwe gahunda yo kujya kuvurira abaturage aho batuye. Muri iyi gahunda, abagera ku 145.303 baravuwe.

d) Hatangijwe kandi gahunda yo gusana amavuriro atanu ariyo: Byumba, Gatonde, Gatunda, Munini, na Nyabikenke. Hubatswe kandi amavuriro y'ingoboka (Health posts) mu Turere twa Rulindo, Kamonyi, Gatsibo, Ngoma, Kicukiro, Muhanga na Nyanza.

e) Mu rwego rwo kurwanya ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge, havuguruwe Igitabo cy'Amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, aho ibihano byakajijwe biva hagati y'imyaka 2-5 y'igifungo bijya hagati 7-25 ndetse n'igihano cyo gufungwa burundu.

f) Abana 4.123 bahoze ari inzererezi baragorowe, batozwa imyuga n'ubumenyingiro mu byiciro bitandukanye birimo ubwubatsi, ububaji, ubudozi, kwiga gusoma no kwandika.

g) Dukomeje gushyira imbaraga muri Gahunda y'imbonezamikurire y'abana bato (ECD), dukomeza kurwanya ikibazo cy'imirire mibi mu bana ari nako dukomeza ubukangurambaga mu miryango mu gutegura indyo yuzuye no kwita ku isuku mu Turere twose.

h) Abana bagera ku 74.288 ndetse n'ababyeyi 13.111 bo mu kiciro cya mbere cy'ubudehe bahawe ibiryo bikungahaye ku ntungamubiri kugira ngo bashobore kwita ku bana babo.

8. Mu rwego rw'ubukungu iby'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

a) Ingo zisaga 138.290 zahawe amashanyarazi binyuze ku muyoboro mugari (ongrid). Aha tukaba twararengeje intego twari twihaye y'ingo 115.979.

b) Ingo zisaga 61.546 zagejejweho amashanyarazi aturuka ku mirasire y'izuba.

c) Ingufu z'amashanyarazi dufite kugeza ubu mu Gihugu zariyongereye zigera kuri Megawati 218 zivuye kuri Megawati 208 muri 2017.

d) Mu rwego rwo korohereza ishoramari, havuguruwe ibiciro by'amashanyarazi. Ku nganda ntoya (small industries) igiciro kuri kilowati cyavuye ku mafaranga 192 kigera ku mafaranga 126 naho ku nganda zicirirtse (medium industries) igiciro cyavuye ku mafaranga 189 kigera ku mafaranga 98.

e) Mu rwego rwo kuzamura umuco wo kuzigama, hashyizweho gahunda ihamye y'ubwizigame bw'igihe kirekire (Ejo Heza). Ku ikubitiro, abantu bagera ku 30.660 bamaze kwiyandikisha kandi bamaze no kwizigamira amafaranga agera kuri miliyoni Frw 17.347.575. Gutangiza ku mugaragaro ubu buryo bwo kwizigamira bizabera muri uyu Mushyikirano.

9. Mu rwego rw'umuco: iby'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira:

a) Handitswe ibitabo ku ndagagaciro z'Umuco nyarwanda birimo *"Indangagaciro nyobozi z'umuco w'u Rwanda"* n'*"Inkingi z'umuco w'u Rwanda zihutisha iterambere".* Ibi bitabo bikaba byaratangiye gukwirakwizwa hose mu Gihugu.

b) Hateguwe kandi hanakwirakwizwa amabwiriza ku mikoreshereze myiza y'Ikinyarwanda nk'uko mwabiduhayemo amabwiriza Nyakubahwa Perezida wa Repubulika mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano y'umwaka ushize.

c) Amashuri 18 mpuzamahanga akorera mu Rwanda yemeye gushyira isomo ry'Ikinyarwanda mu mfashanyigisho zayo.

d) Intore zisaga 55.270 zanyuze mu rugerero. Muri zo Inkomezabigwi 52.902 zigizwe n'abanyeshuri basoje amashuri yisumbuye bagize uruhare mu bikorwa bitandukanye birimo kubakira abatishoboye amazu 382, ubwiherero 6.255 n'ibigega byo gufata amazi y'imvura.

e) Hateguwe gahunda y'Intore mu biruhuko igomba kumara ibyumweru 8 kandi ishyirwa mu bikorwa mu Turere twose.

10. Mu gusoza, ndagira ngo nongere mbashimire Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, umwanya mwangeneye kugira ngo ngaragaze ibyakozwe mu gushyira mu bikorwa imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 15.